BAYINGANA Denys
Hatton and Cookson
B.P. 86 KIGALI

Kigali, kuwa 08.04.1987

Kuli Militant Procureur Général auprès de
la Cour d'Appel
K I G A L I

Bwana Procureur,

Ikinteye kubandikira iyi baruwa nukubera ingorane nahuye nazo nkabe mbasobanuza Mukuru wanjye witwa GASAKE Anton waguye imbere ya Bar Luna tuhamukura mu gitondo kw'italiki ya 16/1/1987 tuvuye guhuruza Buligade dufatanya kumugeza kwa muganga bigeze nijoro arapfa Buligade nayo ntabwo yarorereye gupererereza abo yakoresheje ipererereza naho umuntu yaguye. Babajije uwitwa KALIMU uba kuli Luna Bar babaza uwitwa TWAGIRA wahoze abaha inzoga kuko yarapimaga mu kabare uwitwa Mamweli ukora muli Restaurant Luna ya MUTAGANDA kandi hakaba abana bavaga mu misa ya mu gitondo tujya kuhamukura batubwiye ko bazamuka bajya mu misa ya mugitondo batahamusanze, bamubonye bava mu misa basanga umuntu asasiye ikarito n'igiti bamuseguye.

Umwe mulibo yaratubwiye ati nta muntu twahasiz akaba ari umwana w'umugabo witwa Anasitazi Sadali ikindi kintu gitangaj nuko babonye ibyangombwa bye bakabitanga aliko amafaranga Sosiyeti yali imaze kumuguliza ibihumbi mirongo itatu (30.000 Frw) bikabura n'umuntu agapfa. Ese ugushijwe n'inzoga ntagiza aho akomereka arapfa ? Ndasaba yuko mwansuzumira ibyo bintu ibyo alibyo.

Mbaye mbashimiye umurava n'umwete mukorana

Murakoze.

BAYINGANA Denys